


REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISTERI Y'UBUREZI



**INTEGANYANYIGISHO Y'UBUGENI N'UBUHANZI
IKICIRO CYA MBERE CY 'AMASHURI ABANZA**

Kigali, 2015

INTEGANYANYIGISHO Y'UBUGENI N'UBUHANZI

IKICIRO CYA MBERE CY'AMASHURI ABANZA

Kigali, 2015

© 2015 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Uburenganzira bw'umuhanzi

Iyi nteganyanyigisho ni umutungo w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi (REB).

Ni ngombwa kugaragaza umwanditsi igihe cyose hakoreshejwe iyi nteganyanyigisho.

IJAMBO RY'IBANZE

Mu rwego rwo gushimangira imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi bw'uwigira, Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) gishimishijwe no gushyira ahagaragara integanyanyigisho nshya izakoreshwa mu gihugu hose. Iyi nteganyanyigisho igamije gutanga uburezi buboneye kandi bufite ireme mu byiciro by'uburezi rusange mu mashuri yose y'u Rwanda. Poritiki y'uburezi mu Rwanda ni uguha urubyiruko mu byiciro byose by'uburezi amahirwe yose mu byerekeye ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya bikwiriye birutegurira kugira uruhare mu iterambere ry'umuryango ndetse no guhabwa amahirwe yo kwihangira umurimo.

Kugira ngo hanozwe ireme ry'uburezi, Leta y'u Rwanda yashyize imbaraga mu ivugurura ry'integanyanyigisho ku buryo imyigire n'imyigishirize ndetse n'isuzuma bigira uruhare rugaragara mu kurema Umunyarwanda igihugu gikeneye. Mu rwego rwo kubaka umuryango ushingiyeye ku bushobozi, byabaye ngombwa ko hakorwa integanyanyigisho ishingiyeye ku guha abiga ubushobozi bukenewe kugira ngo bashobore gupigana ku isoko ry'umurimo haba mu karere u Rwanda ruherereyemo cyangwa ku rwego mpuzamahanga. Mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi nteganyanyigisho, abanyeshuri bazagira uruhare rugaragara mu myigire bityo bagire ubushobozi butuma bashobora guhuza ibyo bize n'ubuzima bwa buri muni. Ibi bizatuma bo ubwabo bigirira akamaro kandi banateze igihugu cyabo imbere.

Turashimira byimazeyo abafatanyabikorwa n'abaterankunga bagize uruhare mu ivugurura ry'iyi nteganyanyigisho kuva igikorwa gitangira kugeza kirangiye. Tuboneyeho kandi gusaba abazakoresha iyi nteganyanyigisho gutanga ibitekerezo byatuma irushaho kubanogera.

GASANA I. Janvier

Umuyobozi Mukuru wa REB

GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'iyi nteganyanyigisho. Ntabwo iyi nteganyanyigisho yashoboraga gukorwa uko bikwiye iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi ndetse n'abaterankunga. Nejejwe no gushima ubufatanye n'ubwitange batugaragarije.

Mbere na mbere ndashimira inzego nkuru zishinzwe uburezi mu Rwanda zakurikiraniye hafi umurimo wo kuvugurura integanyanyigisho ndetse n'abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda bagize uruhare mu itegurwa n'iyandikwa ry'iyi nteganyanyigisho. Harashimirwa kandi abarimu bigisha kuva mu mashuri y'inshuke, abanza, ayisumbuye na kaminuza bitanze batiziganye kugira ngo iyi nteganyanyigisho ishobore kujya ahagaragara.

Ndashimira imiryango nterankunga mu burezi nka UNICEF, UNFPA, DFID, AFR kubera inkunga mu rwego rw'imari na tekini batanze mu ivugurura ry'iyi nteganyanyigisho. Ndashimira kandi uruhare rw'abafatanyabikorwa mu burezi nk' Itorero ry'Igihugu, Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge, CNLG, CGS, GMO, RBS, REMA, WDA, MINECOFIN, AEGIS Trust, Handicap International, Wellspring Foundation, Right to Play, MEDISAR, EDC/L3, EDC/Akazi Kanoze, Save the Children n'Imiryango ishingiyeye ku kwemera mu iyandikwa ry'iyi nteganyanyigisho. Byongeye kandi ndashimira impuguke mpuzamahanga ndetse n'iz'Abanyarwanda bitanze kugira ngo iyi nteganyanyigisho ishobore gutegurwa no kwandikwa. Iyi nteganyanyigisho ni umusaruro w'ubufatanye n'ubwitange bya buri wese mu bitabiriye iki gikorwa.

Dr. MUSABE Joyce

Umuyobozi w'Ishami CPMD

URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU ITEGURWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO

Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Dr. MUSABE Joyce, Umuyobozi w'Ishami ry'integanyanyigisho n'Imfashanyigisho

RUTAKAMIZE Yozefu, Umuyobozi w'Itsinda ry'Ubumenyi

NDAGIJIMANA NYANDWI Gerard, Ushinzwe integanyanyigisho ya Muzika

NTAMABYARIRO Leopold, Ushinzwe integanyanyigisho y'ubugeni mberajisho

NYIRANDAGIJIMANA Anathalie, Ushinzwe ireme ry'integanyanyigisho n'imfashanyigisho

Igice cya mbere: Muzika

Abarimu

- Sylvestre NTABAJYANA, Kaminuza y'u Rwanda/Koleji y'Uburezi/Kigali
- Jean de Dieu MUSAYIDIZI, Ikigo cy'Igihugu cy'Itangazamakuru (RBA)/Kigali
- Bonaventure MWIZERWA, Ishuri ry'isumbuye rya Mulindi/Gicumbi
- Jeanne d'Arc KAGOYIRE, Ishuri Ribanza ryitiriwe Mutagatifu Mikayile/Nyarugenge
- Faustin NSENGIYAREMYE, Seminari Nto yitiriwe Mutagatifu Piyo Nyundo/Rubavu

Abanonosoye iyi nteganyigisho

- Aimable NSABAYESU

Igice cya kabiri: Ubugeni mberajisho

Abarimu

- Gabriel MAGEZI, Hope Haven Rwanda, Gasabo
- Peace MBABAZI, Ishuri ry'Ubugeni n'Ubukorikori ryo ku Nyundo
- Faustin KAYITANA, Ishuri ry'Ubugeni n'Ubukorikori ryo ku Nyundo
- Antoinette MUKANTABANA, Ishuri Ribanza rya Ngange

Abanonosoye iyi nteganyigisho

- Judith MUKANGARAMBE, WDA
- Jean Berchmans RUTAGAMBWA

Ishakiro

IJAMBO RY'IBANZE	4
GUSHIMIRA	5
URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU ITEGURWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO	6
IGICE CYA MBERE: INTEGANYANYIGISHO YA MUZIKA	10
1. INTANGIRIRO	11
1.1. Imvano y'ivugururwa ry'integanyanyigisho	11
1.2. Impamvu zo kwigisha no kwiga isomo rya Muzika	12
1.2.1. Inyigisho ya Muzika n'Umuryango nyarwanda.....	12
1.2.2 Akamaro ka Muzika ku munyeshuri	12
1.2.3 Ubushobozi	13
2. IMBONEZAMASOMO MU KWIGISHA MUZIKA	16
2.1 Uruhare rw'umunyeshuri	17
2.2 Uruhare rwa mwarimu	18
2.3 Uburezi bw'abafite ibyo bagenerwa byihariye, imyigire n'imyigishirize idaheza	18
3. ISUZUMA	19
3.1 Ubwoko bw'isuzuma	19
3.2. Kubika inyandiko igaragaza umusaruro w'isuzuma	20
3.3 Gutegura ibibazo by'isuzuma rigamije kureba intera abanyeshuri bagezeho	21
3.4 Gukorera ababyeyi raporo y'isuzuma	22
4. IBIKENEWE KUGIRA NGO IYI NTEGANYANYIGISHO ISHYIRWE MU BIKORWA	23
4.1. Imfashanyigisho	23
4.2. Abarimu	23
5. AMASOMO Y'INTEGANYANYIGISHO	24

5.1. Imiterere y'iyi nteganyanyigisho	24
5.2. Integanyanyigisho ya Muzika mu mwaka wa mbere	24
5.3. Integanyanyigisho ya Muzika mu mwaka wa kabiri.....	28
5.4. Integanyanyigisho ya Muzika mu mwaka wa gatatu	32
6. IBITABO BYIFASHISHIJE.....	36
IGICE CYA KABIRI: INTEGANYANYIGISHO Y'UBUGENI MBERAJISHO N'UBUKORIKORI	37
1. INTANGIRIRO.....	38
1.1. Imvano y'ivugurura ry'integanyanyigisho.....	38
1.2. Impamvu zo kwigisha no kwiga ubugeni n'ubuhanzi	38
1.2.1. Inyigisho y'Ubugeni n'Umuryango Nyarwanda.....	38
1.2.2. Akamaro k'Ubugeni ku munyeshuri.....	39
1.2.3. Ubushobozi	40
2. IMBONEZAMASOMO MU KWIGISHA UBUGENI N'UBUKORIKORI	42
2.1. Uruhare rw'umunyeshuri	43
2.2. Uruhare rwa mwarimu.....	43
2.3. Uburezi bw'abafite ibyo bagenerwa byihariye n'imyigishirize idaheza.....	44
3. ISUZUMA.....	45
3.1. Ubwoko bw'isuzuma.....	45
3.2. Kubika inyandiko igaragaza umusaruro w'isuzuma	46
3.3. Gutegura ibibazo by'isuzuma rikomatanya	47
3.4. Gukorera ababyeyi raporo y'isuzuma	48
4. IBIZAKENERWA MU ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO	48
4.1 Imfashanyigisho	48
4.2. Abarimu	49
5. AMASOMO Y'INTEGANYANYIGISHO.....	49

5.1. Imiterere y'iyi nteganyanyigisho	49
5.2. Integanyanyigisho y'Ubugeni n'ubukorikori mu mwaka wa mbere	50
5.3. Integanyanyigisho y'ubugeni n'ubukorikori mu mwaka wa kabiri	57
5.4. Integanyanyigisho y'ubugeni n'ubukorikori mu mwaka wa gatatu	64
6. <i>IBITABO BYIFASHISHIJE</i>	71
7. <i>Umugereka</i>	72
Ingengabihe y'amasomo yigishwa mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza	72

IGICE CYA MBERE: INTEGANYANYIGISHO YA MUZIKA

1. INTANGIRIRO

1.1. Imvano y'ivugururwa ry'integanyanyigisho

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi mu Rwanda, hagendewe ku byo Abanyarwanda bakeneye mu ruhande mpuzamahanga, habayeho ivugurura ry'Integanyanyigisho, rishingiye ku ntego n'ubushobozi by'umunyeshuri, aho kuba zishingiye ku bumenyi umunyeshuri yasabwaga kugira mu nteganyanyigisho zabanje.

Ni muri urwo rwego integanyanyigisho y'isomo rya Muzika ryigishwa mu mashuri abanza yavuguruwe, hagenderewe ku byo buri munyeshuri akeneye, hibandwa kukwiga gushingiye kubushobozi bw'umunyeshuri. Muzika ni imwe mu nyigisho zitoza umunyeshuri kugaragaza imbamutima zimurimo binyuze mu bihangano binyuranye (nyuramatwi na mberajisho). Inyigisho y'iri somo mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza, izajya yigishwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. Iri somo kandi, rifite uruhare runini mu burere bw'umwana ugitangira amashuri abanza; kuko rimutegura hakiri kare gutekereza no gusobanukirwa n'ibyo yumva/abona, ari nako rimucengezamo umuco wo guhanga udushya. Ni muri urwo rwego, iyi nteganyanyigisho ikubiyemo amasomo agamije gutoza abana bato kugira ikinyabupfura, kubana n'abandi, isuku, kurengera ibidukikije, gukunda igihugu, ururimi n'umuco, n'ibindi. Iyi nteganyanyigisho igamije guteza imbere ubumenyingiro ari bwo bushobozi, ubukesha n'indangagaciro ziranga umunyarwanda.

Ukwigisha gushingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri kujyanye n'uburyo bushya bw'imyigishirize, uburyo bwo kugenzura ibyizwe, uburyo bwo gutanga amanota ndetsen'uburyo bwogukora indangamanota y'umunyeshuri, ni uburyo butandukanye n'ubusanzwe, aha hagomba kwibandwa kubumenyi umunyeshuri asanganywe, ubumenyingiro n'ubukesha agenda abona uko agenda abona uburere.

1.2. Impamvu zo kwigisha no kwiga isomo rya Muzika

1.2.1. Inyigisho ya Muzika n'Umuryango nyarwanda

Kwigisha isomo rya Muzika ku bana bato ni uburyo bwiza bwo gutanga umusingi wo gutuma abana bazashobora kwiga ubumenyi mu bihe biri imbere no kubategura guhangana n'ibikenewe mu kinyejana cya 21. Ikindi kandi, iri somo rya Muzika rifite akamaro ntakuka kuko rishingiye ku ruhare runini umunyeshuri agomba kugira mu myigire ye; bityo, ibyo bigatuma umwana areba, yitegereza, atega ugutwi, yigana adategwa ibyo areba cyagwa yumva.

Muri make, kwigisha umwana ugitangira amashuri abanza Muzika bishimangirwa n'uko bifasha umwana mu kugira uburere, kuko rimutegura hakiri kare gutekereza no gusobanukirwa n'ibyo yumva/abona, ari nako rimucengezamo umuco wo guhanga udushya. Iyi ntegyanyigisho izafasha kandi umunyeshuri kwiga no gukurikira neza izindi nyigisho ku buryo bunononsoye cyane cyane nk'imibare, indimi, ubumenyi mbonezamubano, iyobokamana, n'ibindi ari nako rimutegurira imibereho myiza mu buzima busanzwe bw'ibihe biri imbere.

1.2.2 Akamaro ka Muzika ku munyeshuri

Iyi ntegyanyigisho ya Muzika ije guha umunyeshuri uruhare rw'ibanze mu myigire ye kuko ishingira kubyo asanzwe azi no ku bushobozi asanganywe agafashwa buhoro buhoro kubwongera akoresheje ubumenyi, ubumenyingiro, ubukesha n'indangagaciro nyarwanda agenda yunguka. By'umwihariko umunyeshuri akwiye gushingira imyigire ye ku bintu by'ingenzi bikurira:

- ✓ Kunguka ubumenyi yifashishije ibikorwa bye bwite cyangwa mu bikorwa afatanyije na bagenzi be;
- ✓ Kwifashisha ibikoresho byabugenewe: ibikoresho bya Jewometiri, ibicurangisho byoroheje n'ibindi;
- ✓ Kubaha bagenzi be no kugira ikinyabupfura;
- ✓ Gufata neza ibikoresho bye n'iby'abandi;

- ✓ Kumenya gukorana n'abandi;
- ✓ Kumenya kwitegereza, kuvumbura, gutega ugutwi, gushishoza no kwigana ibyo abona cyangwa yumva;
- ✓ Guhora yishimye no gushimisha bagenzi be.

1.2.3 Ubushobozi

Ubushobozi ni ububasha bwo gukora umurimo uyu n'uyu wihariye uko bikwiye hashingiwe ku bumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya bijyanye n'ibyo wize. Poritiki z'igihugu zishingiye ku byo igihugu gikeneye zerekana ubushobozi bw'ibanze n'ubushobozi nsanganyamasomo bishingirwaho mu kubaka imitekerereze yimbitse. Muri iyi nteganyanyigisho ubushobozi bw'ibanze bugaragarira mu bushobozi bugamijwe muri buri mutwe, muri buri mwaka ndetse no mu kiciro. Ibikorwa by'umunyeshuri bigomba gushingira ku byo ashobora gukora kugira ngo hatezwe imbere ubushobozi bugamijwe mu gihe yiga cyangwa arangije umutwe w'amasomo runaka.

❖ **Ubushobozi nsanganyamasomo**

Ubushobozi nsanganyamasomo ni ubushobozi butihariwe n'inyigisho imwe ahubwo butezwa imbere mu masomo anyuranye, mu bihe bitandukanye ndetse no mu kazi kanyuranye. Ubushobozi bw'ingenzi mu myigire n'imyigishirize abarimu bagomba kwitaho busobanuye ku buryo bukurikira:

- ***Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:***

Ubu bushobozi buzafasha umunyeshuri gutekereza ahanga no gushyira mu gaciro ku buryo bwaguye bituma abonera ibisubizo ibibazo ahura na byo mu buzima bwa buri muni.

- ***Guhanga udushya:***

Kunguka ubu bushobozi bizafasha umunyeshuri gufata iya mbere agatekereza ahereye ku byo azi, maze agahanga ibintu bishya.

- ***Ubushakashatsi:***

Ubu bushobozi buzafasha umunyeshuri gukemura ibibazo ahereye ku makuru no ku bumenyi busanzweho no gusobanura ibintu ahereye ku makuru yakusanyije.

- ***Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu gihugu:***

Ubu bushobozi buzafasha abanyeshuri gusabana n'abandi nta mususu no gutanga ibitekerezo byabo ku buryo buboneye mu mvugo no mu nyandiko bakoresha imvugo n'amagambo bikwiye. Kubera iyo mpamvu, abarimu bose nubwo baba batigisha indimi basabwa kugenzura ko abanyeshuri bakoresha uko bikwiye ururimi rwigishwamo.

- ***Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni:***

Ubu bushobozi buzafasha abanyeshuri gukorana n'abandi mu matsinda, mu kazi ako ari ko kose bahawe barangwa n'imyitwarire n'indangagaciro bikwiye, bubaha uburenganzira, ibitekerezo n'imyitwarire binyuranye n'ibyabo. Ibi bizafasha kandi abanyeshuri gukora ibikorwa bijyanye no kubungabunga ibidukikije, gukora ubuvugizi ku byerekeye ubuzima bwabo n'ubw'umuryango bita ku isuku n'imirire iboneye kandi na none bakemura ibibazo bahura na byo mu buzima.

- ***Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:***

Kunguka ubu bushobozi bizafasha abanyeshuri kujyana n'igihe biyungura ubumenyi n'ubumenyi ngiro batarinze gufashwa muri byose. Ibi bizabafasha kandi kujyana n'iterambere bibanda ku bumenyi n'ubumenyi ngiro bikenewe.

❖ **Ubushobozi rusange bugamijwe mu nyigisho ya Muzika**

Imyigishirize y'isomo rya Muzika mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza ishingiyeye ku ruhare runini umunyeshuri agomba kugira mu myigire ye, ibyo bituma umwana areba, yitegereza, atega ugutwi, yigana adategwa ibyo areba cyagwa yumva. Muri ibi bikorwa byose,

- ✓ Umwarimu akora akazi ko kuyobora no kugenzura niba ibyo umunyeshuri akora bigaragaza ubushobozi bushingiyeye ku bumenyi, ku bumenyigiro, ku bukesha no ku ndangagaciro ahabwa cyangwa atozwa na Mwarimu.
- ✓ Umwarimu ateganya imfashanyigisho zijyanye n'isomo agiye kwigisha kandi zitarangaza abanyeshuri. Mu gihe bishoboka, abanyeshuri bashobora kuzizana.

Isomo rya Muzika rishobora kwigishirizwa mu ishuri cyangwa hanze. Ibikorwa by'umunyeshuri bigomba gutegurwa bishingiyeye ku buzima bwe no ku bintu asanzwe abona. Ibi bituma umunyeshuri yibona mu byo akora, bityo akarushaho kubyishimira, kugira

amatsiko no gucengera ibyo yiga. Mbere y'uko basubiza, mwarimu agomba guha abanyeshuri igihe gihagije cyo gutekereza no kwishakashakira. Imyitozo umwarimu atanga igomba kwibanda ku bintu umunyeshuri ahura na byo mu buzima bwe bwa buri muni. Umwarimu agomba guha abanyeshuri imyitozo ihagije n'imikoro batahana.

❖ **Ubumenyi bwa Muzika no Kwimakaza ubushobozi bugamijwe**

Iyi nteganyanyigisho izafasha umunyeshuri kwiga no gukurikira neza izindi nyigisho ku buryo bunononsoye cyane cyane nk'imibare, indimi, ubumenyi mbonezamubano, iyobokamana, n'ibindi ari nako rimutegurira imibereho myiza mu buzima busanzwe bw'ibihe biri imbere.

Iyi nteganyanyigisho iteguwe ishingiyeye ku ihame ryo guha umunyeshuri ubushobozi bwo kugira icyo ashobora gukora ashingiyeye ku bumenyi, ku bumenyingiro no ku bukesha ahabwa mu ishuri. Ibyo bizatuma umunyeshuri urangije icyiciro cya mbere cy'amashuri abanza ashobora gukurikira amasomo mu cyiciro cya kabiri cy'amashuri abanza no kwicyemurira ibibazo by'ibanze byo mu buzima busanzwe birebana no kwitegereza, kuvuga adategwa, kubara inkuru no gushyira mu gaciro.

Inashingiyeye kandi ku muco Nyarwanda no ku gitekerezo cyo guhuza integanyanyigisho z'Amashuri Abanza yo mu Rwanda n'iz'ibindi bihugu cyane cyane iz'ibihugu bigize Umuryango Nyafurika w'Iburasirazuba.

Integanyanyigisho ya Muzika yo mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza igizwe n'ubumenyingiro n'ubukeshya:

Ubumenyingiro

- Guteza imbere ubumenyingiro n'imvugo ikoreshwa muri Muzika
- Kwitegereza, gupima, kwigana, kwegeranya no gusesengura ibihangano bitandukanye
- Gukoresha ubumenyi mu buzima bwa buri muni
- Gukoresha neza ibikoresho bitandukanye bijyanye na Muzika
- Kubungabunga ibidukikije mu buryo bukwiye

Ubukeshha

- Guhindura imyumvire ko ubuhanzi n'ubugeni bushobora gutanga ukuri ndakuka no gutanga ibisubizo by'ibibazo byose
- Kwishimira akamaro k'ubuhanzi n'ubugeni mu buzima bwa buri munsu ndetse no muri sosiyete
- Kugaragaza uruhare mu iterambere rya Muzika
- Gukora ku buryo buri wese yungukira kubyagezweho hakoreshejwe Muzika

Usibye iri buriro ryerekana impamvu y'ivugururwa ry'integanyanyigisho, impamvu n'intego byo kwigisha Muzika, uburyo bwo kubyigisha ndetse n'isuzumabumenyi ryabyo, iyi nteganyanyigisho ivuguruwe yubatswe ku buryo buri mbumbanyigisho muri buri mwaka igabanijemo ibice bisobanura neza ibikurikira:

- Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe nyuma yo kwigisha umutwe
- Intego z'imyigire zirimo ubwoko butatu ari bwo: ubumenyi, ubumenyingingiro n'ubukeshha
- Ibigomba kwigwa
- Ibikorwa by'umunyeshuri mu isomo

Iyi nteganyanyigisho ivuguruye irangira itanga ishusho y'uko umunyeshuri urangije icyiciro cya mbere cy'amashuri abanza agomba kuba ameze, igaragaza urutonde rw'ibitabo byifashishijwe mu kuyandika ndetse n'uko amasomo ateganijwe muri buri cyumweru mu mashuri abanza.

2. IMBONEZAMASOMO MU KWIGISHA MUZIKA

Abanyeshuri biga neza iyo bagira uruhare mu myigire yabo kandi badafata mu mutwe gusa ahubwo bagira ibikorwa bakora. Nubwo gukorera mu matsinda bifite akamaro ni ngombwa no kwita kuri buri munyeshuri kugira ngo umwarimu akosore uko avuga, yitegereza, atega ugutwi, yigana adategwa ibyo areba cyagwa yumva. Imyigishirize ya Muzika mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza igomba guhera ku mfashanyigisho zifatika, zifite aho zihuriye n'umuco, amateka, ibidukikije n'imibereho y'Abanyarwanda kandi zijyanye n'ikigero cy'abanyeshuri; bityo iri somo rikazaha umunyeshuri uruhare runini rwo kwitoza kumva, kuvuga, gusoma, kwandika, gutekereza, gushyira mu gaciro no kwerekana imbamutima ze ashize amanga.

Buri somo rigomba kugira intego zeruye kandi uburyo bwo kuzigeraho ntibugore umunyeshuri ndetse n'umwarimu. Umwarimu agomba kwita ku kigero cy'umunyeshuri kandi akamufasha kwiyigisha. Ni ngombwa rero guhera ku byo umunyeshuri azi, bigaragara, byuzuye, mbere yo gusingira ibyitwa mpisho cyangwa ibigize ibyo byuzuye, birakwiye, guhera ku mvugo, ku nteruro yo tango y'ubwumvane n'umushyikirano kugira ngo bifashe abanyeshuri kwivumburira ikigwa cy'umunsi.

Byongeye kandi, iyo umunyeshuri akunda kuririmba, kubyina no gukina ikinamico, bituma arushaho kugira ubushake n'ubushobozi mu mirimo y'ubuhanzi abinyujije mu guhimba indirimbo binyuze mu guhanga, gusesengura ibintu, gutekereza no kwibuka ibyo yabonye. Iyi nteganyanyigisho rero igamije kubaka ubushobozi bw' umunyeshuri no gusigasira ibyo yunguka bitandukanye. Ariko nk'uko ikigambiriwe ari ubumenyingingiro, ntawashidikanya rero ko Muzika ifite uruhare rukomeye mu kubaka ubushobozi bw'umunyeshuri, bityo abarimu bakaba basabwa gutegura neza inyigisho zituma abanyeshuri bagaragaza ubushobozi mu byo bakora.

2.1 Uruhare rw'umunyeshuri

Ibikorwa by'umunyeshuri bijyanye n'intego ibyigwa biba bigamije kandi abanyeshuri bagomba kubigiramo uruhare. Inyigisho ya Muzika igomba gushingira ku munyeshuri. Ni yo mpamvu agomba guhabwa uruhare runini mu kumva, kwitegereza, guhanga, gusesengura, kwigana ibyo yumvise adategwa, gusoma no gutekereza. Ku buryo bw'umwihariko iyi nteganyanyigisho ya Muzika yerekana ko buri nyigisho ijyana n'ibygwa mu isomo kandi ikerekana uruhare rw'umunyeshuri mu gihe cy'isomo. Umunyeshuri abona ubufasha bukwiye bw'umwarimu kandi akabona ibyo umwarimu yakurikije.

Isomo rikozwe ku buryo abanyeshuri bashobora gukorera mu matsinda , ari babiri cyangwa barenze, ibi bikazafasha umunyeshuri ku giti cye kongera ubushobozi binyuze mu kugira amatsiko, mu kuvumbura, kwigana no gushishoza. Umunyeshuri agamba kugira

uruhare mu bikorwa by'imyigishirize bizamworohereza gutera imbere mu gusobanukirwa, akagira ubushishozi n'indangagaciro zituma haboneka ubushobozi buganisha ku mpinduka n'iterambere mu myigire.

2.2 Uruhare rwa mwarimu

Umwarimu afite uruhare rwo kuyobora umunyeshuri amufasha kuvumbura, amukosora, amwerekera kugira ngo amugeze ku ntego z'isomo. Ni ngombwa ko umwarimu amenya ibibazo abanyeshuri bafite kugira ngo mu gutegura isomo ateganye uburyo n'inzira aza gukoresha bitagira uwo biheza. Umwarimu akena imfashanyigisho, agategura aho abanyeshuri bigira bitewe n'isomo ashaka kwigisha. Hari isomo ryatangwa neza ari uko ribereye hanze cyangwa se mu ishuri, rikorewe mu matsinda cyangwa abanyeshuri bari hamwe bose, byose biterwa n'imiterere y'isomo ndetse n'aho bigira.

Mu ivugurura ry'iyi nteganyanyigisho hitawe cyane ku gukundisha umunyeshuri Muzika, ahabwa uruhare runini mu myigire ye. Umwarimu agomba gutwaza abanyeshuri kugaragaza imbamutima zabo mundirimbo n'imbyino. Ntabwo rero umwarimu ashinzwe guhata abanyeshuri ubumenyi gusa ahubwo agomba kubatoza umuco wa kimuntu, akabakosora, akabahwitura, akabasobanurira, akaberekera, akabatoza umuco nyarwanda, akabaha ubumenyi ngiro buzabafasha mu buzima busanzwe, akabagira inama ku buryo abanyeshuri babona ko bitaweho kandi ko umwarimu ahora abafasha gutsinda ingorane. Abanyeshuri bagomba gutwazwa umuco wo guhanga kwitegereza bakiri bato, bakora imyitoto yo kuririmba no kubyina indirimbo bumvise cyangwa bihimbiye bagendeye ku nkuru n'ingero bahabwa n'umwarimu. Umwarimu agomba guhora atera umunyeshuri ishyushyu ryo kumenya no kunguka ubushobozi mu byo yiga, afutura neza intego z'isomo, yibanda ku ngingo ziricengeza.

2.3 Uburezi bw'abafite ibyo bagenerwa byihariye, imyigire n'imyigishirize idaheza

Abanyarwanda bose bafite uburenganzira bungana ku burezi. Ni muri urwo rwego ishyirwa mu bikorwa ry'iyi ntegenyanyigisho rigomba kwita ku burezi budaheza ku bana bafite ubumuga bwihariye. Ikibazo kigaragara ni uko mu banyeshuri habamo abafite

imibereho itandukanye n'iy'abandi bitewe n'ibibazo by'imikorere y'ingingo z'umubiri, iby'imikorere y'ubwonko cyangwa iby'ukuntu bagaragaza imbamutima zabo. Abo bose bagomba kwitabwaho by'umwihariko mu myigire yabo.

Muri uko kubitaho, uruhare rw'ishuri n'urw'umwarimu rukaba ari urwo gushaka uburyo bwose bukwiye bwo gufasha abo bana hitabwa ku bibazo bafite kugira ngo na bo bakurikire amasomo nk'abandi nta mbogamizi bashakirwa ibikoresho n'imfashanyigisho hamwe n'inyoborabarezi byabo byihariye. Ikindi kandi, ni uko mu gihe cy'isuzuma, nabwo hagomba kwitabwa ku bibazo byihariye by'abo bana.

3. ISUZUMA

Isuzuma ni igenzura ry'imyigire n'imyigishirize hakusanywa amakuru ajyanye n'uburyo buri munyeshuri yiga ndetse no gufata umwanzuro ku byo umunyeshuri yagezeho hashingiwe ku bipimo byagenwe mbere yo gukora isuzuma. Isuzuma rero ni igice k'ikigenzi mu myigire n'imyigishirize. Muri iyi nteganyanyigisho nshya ishingiye ku bushobozi, isuzuma na ryo rigomba gushingira ku bushobozi, aho umunyeshuri ahabwa umwitozo ujyanye n'ubuzima bwa buri muni akabazwa gukemura ikibazo runaka ashira mu bikorwa ibyo yize.

Isuzuma riteganyijwe ku buryo bukurikira: hari isuzuma rikorerwa ku rwego rw'ishuri, hari isuzuma rikorerwa ku rwego rw'Akarere, n'isuzuma ryo kureba ibyagezweho mu myigire mu mashuri yo mu Rwanda (LARS) riteganyijwe mu mwaka wa kabiri cyangwa uwa gatatu w'amashuri abanza.

3.1 Ubwoko bw'isuzuma

3.1.1. Isuzuma ryo kugorora imyigire n'imyigishirize

Mu isuzuma ryo kugororora imyigire n'imyigishirize hakoreshwa uburyo busanzwe bukoreshwa n'amashuri mu gusuzuma ko abanyeshuri biga uko bikwiye. Mu gihe umwarimu ategura isomo rye, agomba kugena n'ibipimo bigenderwaho mu gusuzuma ibyo abanyeshuri bize ndetse n'ubukeshya bategerejweho bagatangira kwiga umutwe runaka. Umwite urangije kwigwa, umwarimu

asabwa kureba ko abanyeshuri bose bagaragaza uko bikwiye ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu mutwe bashingiye ku bigenderwaho mu isuzuma, mbere y'uko batangira kwiga umutwe ukurikiraho. Umwarimu azasuzuma uko abanyeshuri bakenetse ibyigwa mu isomo n'ubushobozi nsanganyamasomo bikubiye mu nteganyanyigisho. Ibi bizafasha umwarimu kubona ishusho rusange y'iterambere mu myigire y'abanyeshuri. Mu isuzuma, umwarimu azakoresha bumwe cyangwa impurirane y'uburyo bukurikira: (a) kwitegereza, (b) ibibazo basubiza bandika, (c) ibibazo basubiza bavuga.

3.1.2 Isuzuma rikomatanya

Igihe isuzuma rikozwe rigamije gusoza igihembwe, umwaka cyangwa ikiciro no gufata ikemezo cyo gukomeza, ryitwa isuzuma rikomatanya. Isuzuma rikomatanya rigamije kureba intera umunyeshuri agezeho rigaragaza ishusho y'ubushobozi umunyeshuri amaze kugeraho mu gihe runaka kihariye. Intego y'ibanze y'isuzuma rikomatanya ni ugusuzuma niba ubushobozi bugamijwe bwaragezweho. Ibivuye mu isuzuma rikomatanya bishingirwaho mu gufata ikemezo cyo gukomeza ku ntera yisumbuye mu myigire y'umunyeshuri nko kwimurirwa mu kiciro gikurikira cyangwa guhabwa impamyabushobozi. Iri suzuma rigomba gukomatanya ibyo umunyeshuri yize, hakarebwa niba agaragaza ubushobozi bugamijwe bwari buteganyijwe.

Iri suzuma rishobora gukorerwa ku rwego rw'ikigo k'ishuri, akarere cyangwa ku rwego rw'igihugu nk'ibizamini bya Leta. Ku rwego rw'ishuri iri suzuma rikorwa rimwe mu gihembwe ndetse n'iyi umwaka urangiye. Uturere tuzahabwa ubushobozi bwo gukomeza gufata iya mbere mu gukoresha isuzuma rikomatanya mu mashuri yose mu gukurikirana imyigire ndetse n'intera abanyeshuri bagezeho mu mashuri yabo.

3.2. Kubika inyandiko igaragaza umusaruro w'isuzuma

Kubika inyandiko igaragaza umusaruro w'isuzuma ni ugukusanya ibigaragaraza ko isuzuma ryakozwe no gukoreshwa ibyavuye mu isuzuma hahabwa agaciro uwo musaruro kandi hagendewe ku bipimo byagenwe mbere. Uburyo ubwo ari bwo bwose bwaba bwakoreshejwe mu isuzuma bugomba gutanga amakuru abarwa mu manota yandikwa, akabikwa neza ku buryo bugaragaza intambwe igenda iterwa. Ibi bigira uruhare mu gutegura ibikorwa, ingamba zihariye bituma inyigisho zumvikana kurushaho ndetse

n'uburyo ageza ku banyeshuri n'ababyeyi umusaruro w'isuzuma ryakozwe kugira ngo hakorwe ingenzura ry'intambwe yatewe mu myigire no gutanga inama ijyanye na byo cyangwa gukora isuzuma risoza ry'abanyeshuri.

Ubu buryo bujyanye no kubika mu idosiye imwe (mu nyandiko cyangwa ku buryo bw'ikorabuhanga) ikubiyemo amasuzuma yose y'umunyeshuri ndetse n'umusaruro ugaragaza aho umunyeshuri afite intege nke cyangwa adafite ibibazo. Kubika mu idosiye imwe inyandiko igaragaza amasuzuma umunyeshuri yakozwe, ntabwo ari ukubika gusa impapuro z'amasuzuma yakozwe (impapuro n'imikoro), ahubwo ni no kubika inyandiko z'imyitoto yose umunyeshuri akora n'ikindi gihe cyose ariko ijyanye n'imyigire ye. Buri gihembwe, amanota y'isuzuma ryo kugorora imyigire n'imyigishirize umunyeshuri yabonye mu mikoro azagira uruhare rwa 50%. Aya manota ni yo azagaragaza ko umunyeshuri yakurikiye neza mu ishuri mbere y'uko akora isuzuma risoza igihembwe.

3.3 Gutegura ibibazo by'isuzuma rigamije kureba intera abanyeshuri bagezeho

Mbere yo kwandika ibibazo by'isuzuma, ni ngombwa gukora imbonerahamwe y'ibigomba kubazwaho herekanwa imitwe cyangwa inyigisho byibandwaho mu isuzuma, umubare w'ibibazo hashingiwe kuri buri rwego mu nzego z'intego z'imyigire n'imyigishirize zagenwe na Bulumu (Bloom) n'amanota agenewe buri kibazo. Mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, ibibazo biri ku ngazi zo hejuru ku rwego rw'intego rwa Bulumu (Bloom) zigomba guhabwa umwanya ugaragara kurusha ibibazo bishingiye ku ngazi zo hasi zijyanye n'ubumenyi no kumva.

Mbere yo kwandika ibibazo, ubyandika agomba kureba neza ko ibibazo by'isuzuma cyangwa by'ikizamini bijyanye n'isuzuma rishingiye ku bushobozi akurikiza ibi bikurikira:

- Kugena inyigisho yibandaho ahereye ku byo integanyanyigisho iteganya.
- Gukora inshamake y'ibyigwa bishingirwaho mu isuzuma.
- Kugena intego zigamijwe zigomba gusuzumwa.
- Gukora imbonerahamwe igaragaza ibigenderwaho by'ingezi mu isuzuma.

- Kugenzura ko inshinga zakoreshejwe mu kwandika ibibazo zidasaba gusubiza ibibazo basubiramo ijambo ku ijambo ibyo bize gusa, ko ahubwo n'ubushobozi rusange buri mu nteganyanyigisho bwazuzumwe.

Ibishingirwaho mu isuzuma

Mu isomo rya Muzika, hibandwa cyane cyane mu isuzumabumenyigiro. Iri suzuma rifite agaciro gakomeye mu myigishirize y'isomo kuko mu isuzuma, buri mwitoto umwarimu aha abanyeshuri ugomba kumuha umwanya wo kumenya intambwe buri munyeshuri yateye muri iryo somo, akaboneraho n'akanya ko gukosora ibitagenze neza. Ku rundi ruhande, buri munyeshuri abona umwanya wo gukora umwitoto wa wenyine cyangwa mu marushanwa y'amatsinda.

Mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza, isuzumabumenyi rikorwa hasubirwamo indirimbo yizwe mu isomo riheruka; no mu isoza ry'isomo ku ndirimbo cyangwa mu mbyino yizwe uwo muni. Mu kizamini gisoza igihembwe cyangwa umwaka w'amashuri, buri munyeshuri ahabwa umwanya wo kwerekana ibyo yize mu gihembwe cyangwa umwaka. Ibi ariko ntibibuza umwarimu guteganya amasuzumabumenyi nyuma y'igihe runaka bitewe n'intego ashaka kugeraho. Mwarimu ashobora kandi no gutegura amarushanwa yo kuririmba, kubyina no gukina.

Igihe asuzuma mu isomo rya Muzika, umwarimu akwiye gushingira ku ngingo zikurikira:

- ✓ Ijwi,
- ✓ Gufata mu mutwe,
- ✓ Kutagira ubwoba imbere y'abandi,
- ✓ Guhuza imbamutima n'ibikubiye mu ndirimbo, n'ibindi.

3.4 Gukorera ababyeyi raporo y'isuzuma

Integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi iteganya ko ababyeyi bahabwa raporo y'intambwe abanyeshuri bagenda batera mu myigire yabo. Ntabwo amanota yonyine ahagije mu kwerekana ko abanyeshuri bageze ku bigamijwe mu ntego z'amasomo.

Icyafasha cyane ni ukwerekana aho abanyeshuri bagaragaza ubushobozi bugamijwe n'aho bafite intege nke hakenewe gushyirwamo imbaraga.

4. IBIKENEWE KUGIRA NGO IYI NTEGANYANYIGISHO ISHYIRWE MU BIKORWA

4.1. Imfashanyigisho

Kugira ngo iyi nteganyanyigisho ishyirwe mu bikorwa ni ngombwa ko ibitabo bihagije hamwe n'izindi mfashanyigisho bigezwa mu mashuri. Zimwe muri izo mfashanyigisho twavugaga:

- ✓ Agatabo gakubiyemo integanyanyigisho;
- ✓ Igitabo cy'umwarimu
- ✓ Igitabo cy'umunyeshuri;
- ✓ Ibikoresho bikenerwa mu guca umurongo
- ✓ Udukoresho twa muzika tworoheje: udukombe, ingoma, ibinyuguri, ...
- ✓ Imfashanyigisho zitegwa amatwi ndetse n'iziririmba Iradiyo,
- ✓ Ibikoresho by'iyumvabona (gukoresha tereviziyo na sinema).

4.2. Abarimu

Uretse imfashanyigisho, ishyByongeye kandi, kugira ngo iyi nteganyanyigisho ishyirwe mu bikorwa hagomba abarimu bashoboye kwigisha isomo rya Muzika no guhugura abasigaye kugira ngo bibafashe mu myigishirize mishya y'iri somo. Ni ngombwa kwita ku bwuzuzanye bwa Muzika n'izindi nyigisho. Mu byigishwa byose, ururimi rwigishirizwamo rugomba gukoreshwa ku buryo bukwiye haba mu mvugo cyangwa mu nyandiko.

5. AMASOMO Y'INTEGANYANYIGISHO

5.1. Imiterere y'iyi nteganyanyigisho

Iyi nteganyanyigisho y'ubuhanzi n'ubugeni ikubiyemo inyigisho z'imyaka itatu igize icyiciro cya mbere cy'amashuri abanza. Igice cy'ubuhanzi (Muzika) kigizwe n'imitwe 9; ni ukuvuga imitwe 3 muri buri mwaka mu gihe igice cy'ubugeni kigizwe n'imitwe 18; ni ukuvuga imitwe 6 muri buri mwaka; Buri mutwe ukaba ugizwe n'amasomo atandukanye abumbiye mu mbonerahamwe ikubiyemo ibi bikurikira:

- ✓ Imbumbanyigisho
- ✓ Inyigisho
- ✓ Umutwe n'umubare w'amasomo awugize
- ✓ Imbumbabushobozi fatizo y'umutwe
- ✓ Intego ikubiyemo ubumenyi, ubumenyingingiro n'ubukeshya
- ✓ Ibyigwa
- ✓ Ibikorwa by'umunyeshuri

5.2. Integanyanyigisho ya Muzika mu mwaka wa mbere

5.2.1. Ubushobozi bugamijwe ku munyeshuri urangije umwaka wa mbere

Umunyeshuri urangije umwaka wa mbere w'amashuri abanza azaba ashobora:

- ✓ Kuririmba indirimbo wigana ibivugwamo.
- ✓ Kuririmba hubahirizwa injyana igendeye ku miyego y'ibanze.
- ✓ Guherekeresha indirimbo amashyi.
- ✓ Gutandukanya indirimbo hakurikijwe igihe n'aho zirimbwa.

5.2.2. Integanyanyigisho ya Muzika- Umwaka wa Mbere

IMBUMBANYIGISHO: KUNOZA MUZIKA		INYIGISHO: KURIRIMBA		
Umwaka wa mbere: Muzika	Umutwe wa 1: Kuririmba uturirimbo tugufi		Umubare w’amasomo: 12	
Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe: Kuririmba mu ruhame uturirimbo tunyuranye				
Intego				
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya n’indangagaciro	Ibyigwa	Ibikorwa by’umunyeshuri
Kwigana ijwi ry’indirimo n’amagambo ayigize.	Kwigana neza ijwi yumvise. Kuririmbana n’abandi. Kuririmba mu ruhame.	Gufatanya n’abandi. Kubana neza n’abandi. Kwigirira icyizere. Gutinyuka kuvugira mu ruhame. Kugira imigenzo Mbonezabupfura.	Uturirimbo tuvuga ku ngingo zitandukanye: Ibyiza by’ishuri Umuryango (data, mama, abo tuvukana). Isuku y’umubiri. Ikinyabupfura. Ibimukikije (urugo, aho anyura, ku ishuri). Imibare y’ibanze.	Kuririmba akaririmbo umwana azi. Gusobanura amagambo ari muri ako karirimbo. Kwiga akaririmbo gashya. Gusubiramo akaririmbo umwe, umwe hanyuma mu matsinda. Kunoza akaririmbo. Kuririmbira hamwe.
Ihuriro n’andi masomo: Gusobanukirwa n’ibidukikije mu isomo ry’Ubumenyi n’ikoranabuhanga riciriritse, iry’Ubumenyi mbonazamubano n’iyobokamana, kwiyoungura amagambo mashya mu isomo ry’Ikinyarwanda, kumenya gukurikiranya imibare y’ibanze mu isomo ry’Imibare, kwitoza kugira isuku no kugorora ingingo mu isomo ry’igororangingo na siporo.				
Ibipimo by’isuzuma: Kureba niba umwana ashobora kuririmba akaririmbo yigishijwe adategwa, yemye kandi agasobanura neza amagambo ari mo				
Imfashanyigisho: ibitabo by’indirimo, indirimo zigaragaza amashusho, indirimo zumvikana ku majwi, mudasobwa.				

IMBUMBANYIGISHO: KUNOZA MUZIKA		INYIGISHO: KURIRIMBA		
Umwaka wa mbere: Muzika		Umutwe wa 2: Kuririmba uturirimbo tugufi hubahirizwa injyana zatwo		Umubare w'amasomo:12
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Kuririmbira mu ruhame uturirimbo duherekejwe n'amashyi hubahirizwa injyana zatwo				
Intego				
Ubumenyi	Ubumenyingiro	Ubukeshya n'indangagaciro	Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Guhuza ijwi ry'indirimo, amagambo aziherekeje n'injyana zazo.	Kwigana neza ijwi yumvise. Kuyega hubahirizwa injyana y'indirimo. Kuririmba mu ruhame.	Gufatanya n'abandi. Kwigirira icyizere. Gukurikiza gahunda. Kugira imigenzo mbonezabupfura.	Uturirimbo tuvuga ku bintu bitandukanye: Ibidukukije, Ikinyabupfura, Isuku y'aho atuye n'aho yiga. Inyuguti z'ibanze. Injyana yoroheje.	Kuririmba akaririmbo umwana azi. Gusobanura amagambo ari mo. Kwiga akaririmbo gashya. Gusubiramo akaririmbo umwe, umwe hanyuma mu matsinda. Kunoza akaririmbo. Kwitoza injyana y'amashyi Guherekeresha akaririmbo amashyi. Guherekeza akaririmbo umuyego. Kuririmbira hamwe.
Ihuriro n'andi masomo: Gusobanukirwa n'ibidukikije mu isomo ry'Ubumenyi n'ikoranabuhanga riciriritse, kwiyungura amagambo mashya mu isomo ry'Ikinyarwanda, kumenya gukurikiranya imibare y'ibanze mu isomo ry'Imibare, kwitoza kugira isuku no kugorora ingingo mu isomo ry'igororangingo na siporo.				
Ibipimo by'isuzuma: Kureba uburyo umwana ahuza neza injyana y'indirimo amashyi n'imiyego.				
Imfashanyigisho: ibitabo by'indirimo, indirimo zigaragaza amashusho, indirimo zumvikana ku majwi, mudasobwa.				

IMBUMBANYIGISHO: KUNOZA MUZIKA		INYIGISHO: KURIRIMBA		
Umwaka wa mbere Muzika	Umutwe wa 3: Kuririmba wigana ibivugwa mu ndirimbo		Umubare w'amasomo:12	
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Kuririmba mu ruhame yigana ibivugwa mu ndirimbo				
Intego				
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya n'indangagaciro	Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Kwigana ibivugwa mu ndirimbo.	Kwigana neza ijwi wumvise. Kuyega higanwa ibivugwa mu ndirimbo. Kugorora no kunoza ijwi. Kuririmba mu ruhame	Gufatanya n'abandi. Kwigirira icyizere. Gukurikiza gahunda. Kugira imigenzo mbonezabupfura. Kubaha (Imana, abantu, ibidukikije, umuco,...)	Uturirimbo tuvuga ku bintu bitandukanye: Imana, ibirori, ubukwe, umunsi w'amavuko.	Kuririmba akaririmbo umwana azi. Gusobanura amagambo ari mo. Kwiga akaririmbo gashya. Gusubiramo akaririmbo umwe, umwe hanyuma mu matsinda. Kunoza akaririmbo kizwe. Kuririmba higanwa ibivugwa mu karirimbo.
Ihuriro n'andi masomo: gusobanukirwa n'ibidukikije mu isomo ry'Ubumenyi n'ikoranabuhanga riciriritse, iry'Ubumenyi mbonazamubano n'Iyobokamana, kwiyoungura amagambo mashya mu isomo ry'Ikinyarwanda, kumenya gukurikiranya imibare y'ibanze mu isomo ry'Imibare, kwitoza kugira isuku no kugorora ingingo mu isomo ry'igororangingo na siporo.				
Ibipimo mu isuzuma: Kureba uburyo umwana ahuza neza indirimbo n'ibiyivugwamo.				
Imfashanyigisho: ibitabo by'indirimbo, indirimbo zigaragaza amashusho, indirimbo zumvikana ku majwi, mudasobwa.				

5.3. Integanyanyigisho ya Muzika mu mwaka wa kabiri

5.3.1. Ubushobozi bugamijwe ku munyeshuri urangije umwaka wa kabiri

Umunyeshuri urangije umwaka wa kabiri w'amashuri abanza azaba ashobora:

- ✓ Guherekeresha indirimbo amashyi n'ibikoresho byoroheje bivuzwa.
- ✓ Kuririmba indirimbo gakondo nyarwanda ziherekejwe n'umudiho.
- ✓ Kugereranya injyana zitandukanye z'indirimbo nyarwanda.

5.3.2. Integanyanyigisho ya Muzika: Umwaka wa 2

IMBUMBANYIGISHO: KUNOZA MUZIKA		INYIGISHO: GUCURANGA IBIKORESHO BYA MUZIKA		
Umwaka wa kabiri: Muzika		Umutwe wa1: Kuririmba indirimbo nyarwanda ziherekejwe n'amashyi		Umubare w'amasomo:12
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Kuririmba indirimbo nyarwanda hubahirizwa injyana zazo				
Intego				
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya n'indangagaciro	Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Gukoma amashyi mu buryo bunyuranye mu ndirimbo nyarwanda.	Kwitegereza ibyo abandi bakora. Kwigana neza ijwi wumvise. Kugorora no kunoza ijwi. Kujyanisha ijwi n'amashyi hubahirizwa injyana. Kuririmba mu ruhame.	Gukunda igihugu. Gufatanya n'abandi. Kwigirira icyizere. Kugira imigenzo mbonezabupfura. Kubaha (abantu, Imana, ibidukikije, umuco,...) Gukunda muzika nyarwanda.	Indirimbo ziherekejwe n'amashyi zivuga ku: Isuku rusange, umutekano (mu rugo, mu muhanda, ku ishuri), ubuzima, uburenganzira bw'umwana, umurimo, gukina, iyobokamana.	Kuririmba akaririmbo umwana azi. Gusobanura amagambo ari mo. Kwiga akaririmbo gashya. Gusubiramo akaririmbo umwe, umwe hanyuma mu matsinda. Kujyanisha akaririmbo amashyi n'imiyego. Kunoza akaririmbo kizwe. Kuririmba mu ruhame.
Ihuriro n'andi masomo: Gusobanukirwa n'ibidukikije mu isomo ry'Ubumenyi n'ikoranabuhanga riciriritse, iry'Ubumenyi mbonazamubano n'Iyobokamana, kwiyoungura amagambo mashya mu isomo ry'Ikinyarwanda, kumenya gukurikiranya imibare y'ibanze mu isomo ry'Imibare, kwitoza kugira isuku no kugorora ingingo mu isomo ry'igororangingo na siporo.				
Ibipimo mu isuzuma: Kureba uburyo umwana ahuza indirimbo, amashyi n'imiyego				
Imfashanyigisho: ibitabo by'indirimbo, indirimbo zigaragaza amashusho, indirimbo zumvikana ku majwi, mudasobwa,				

IMBUMBANYIGISHO: KUNOZA MUZIKA		INYIGISHO: GUCURANGA IBIKORESHO BYA MUZIKA		
Umwaka wa kabiri: Muzika		Umutwe wa 2: Kuririmba indirimbo ziherekejwe n'udukoresho twirangira		Umubare w'amasomo: 12
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Guhereshesha indirimbo udukoresho twirangira				
Intego				
Ubumenyi	Ubumenyingiro	Ubukeshya n'indangagaciro	Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Kujyanisha indirimbo n'imbyino. Guhereshesha indirimbo udukoresho twirangira dutandukanye.	Kuririmba mu ruhame. Kwigana ijwi ry'abandi. Kugorora no kunoza ijwi. Kubahiriza injyana. Kujyanisha ijwi n'udukoresho turangira.	Gukunda igihugu. Gufatanya n'abandi. Kwigirira icyizere. Kugira imigenzo mbonezabupfura. Kubaha (abantu, Imana, ibidukikije, umuco,...)	Indirimbo zivuga ku kinyabupfura, isuku rusange, ubumwe n'ubwiyunge, ibidukikije, umuco nyarwanda, ubuzima, iz'Imana,...	Kuririmba akaririmbo umwana azi. Gusobanura amagambo ari mo. Kwiga akaririmbo gashya gafite injyana yoroheje. Gusubiramo akaririmbo umwe, umwe hanyuma mu matsinda. Guhereshesha indirimbo udukoresho twirangira. Kunoza injyana y'indirimbo n'udukoresho twirangira. Kuririmba mu matsinda.
Ihuriro n'andi masomo: gusobanukirwa n'ibidukikije mu isomo ry'Ubumenyi n'ikoranabuhanga riciriritse, iry'Ubumenyi mbonazamubano n'lyobokamana, kwiungura amagambo mashya mu isomo ry'Ikinyarwanda, kumenya gukurikiranya imibare y'ibanze mu isomo ry'Imibare, kwitoza kugira isuku no kugorora ingingo mu isomo ry'igororangingo na siporo.				
Ibipimo mu isuzuma: Kureba ko umwana adasobanya injyana y'indirimbo n'udukoresho twirangira tuyiherekeje				
Imfashanyigisho: ibitabo by'indirimbo, indirimbo zigaragaza amashusho, indirimbo zumvikana ku majwi, mudasobwa.				

IMBUMBANYIGISHO: KUNOZA MUZIKA		INYIGISHO: KURIRIMBA		
Umwaka wa kabiri: Muzika		Umutwe wa 3: Kuririmba indirimbo nyarwanda ziherekejwe n'umudiho cyangwa umushayayo		Umubare w'amasomo: 12
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Kujyanisha indirimbo n'umugendo				
Intego				
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya n'indangagaciro	Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Gutahura injyana z'indirimbo n'imbyino zinyuranye.	Kwigana ijwi ry'abandi. Kuyega wubahiza injyana. Kugorora no kunoza ijwi n'umubyimba. Kujyanisha ijwi, intambwe n'amaboko Kuririmba no kubyina mu ruhame.	Gukunda igihugu Gufatanya n'abandi Kwigirira icyizere Kugira imigenzo mbonezabupfura Kubaha (abantu, Imana, ibidukikije, umuco,...) Gukunda indirimbo nyarwanda.	Indirimbo ziherekejwe n'umudiho cyangwa umushayayo zivugaga ku: ikinyabupfura, isuku, ubumwe n'ubwiyunge, ibidukikije, umuco nyarwanda, iz'Imana,...	Kuririmba akaririmbo umwana azi. Gusobanura amagambo ari mu. Kwiga akaririmbo gashya. Gusubiramo akaririmbo umwe, umwe hanyuma mu matsinda. Kwiga umudiho cyangwa umushayayo w'indirimbo. Kujyanisha indirimbo n'umudiho cyangwa umushayayo. Kunoza injyana y'indirimbo n'umudiho cyangwa umushayayo.
Ihuriro n'andi masomo: Gusobanukirwa n'ibidukikije mu isomo ry'Ubumenyi n'ikorabuhanga riciriritse, kwiyungura amagambo mashya mu isomo ry'Ikinyarwanda, kumenya gukurikiranya imibare y'ibanze mu isomo ry'Imibare, kwitoza kugira isuku no kugorora ingingo mu isomo ry'igororangingo na siporo.				
Ibipimo mu isuzuma: Kureba no kumva ko umwana ahuza neza indirimbo n'injyana yayo				
Imfashanyigisho: Ibitabo by'indirimbo, indirimbo zigaragaza amashusho, indirimbo zumvikana ku majwi, mudasobwa				

5.4. Integanyanyigisho ya Muzika mu mwaka wa gatatu

5.4.1. Ubushobozi bugamijwe ku munyeshuri urangije umwaka wa gatatu

Umunyeshuri urangije umwaka wa gatatu w'amashuri abanza azaba ashobora:

- ✓ Kuririmba indirimbo gakondo nyarwanda n'izo mu mico y'ahandi hubahirizwa injyana zazo.
- ✓ Guherekeresha indirimbo n'imbyino ibikoresho gakondo bivuzwa: ingoma n'ibinyuguri.
- ✓ Kugereranya indirimbo zifite ibitero n'inyikirizo

5.4.1. Integanyanyigisho ya Muzika: Umwaka wa gatatu

IMBUMBANYIGISHO: KUNOZA MUZIKA		INYIGISHO: KURIRIMBA		
Umwaka wa gatatu: Muzika		Umutwe wa 1: Kuririmba indirimbo z'imico itandukanye		Umubare w'amasomo: 12
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Kuririmba indirimbo z'imico itandukanye hubahirizwa injyana zazo				
Intego				
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya n'indangagaciro	Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Gusobanukirwa n'umuco nyarwanda. Kwigana injyana z'indirimbo n'imbyino zinyuranye zo mu mucu nyarwanda.	Kuririmba no kubyina mu ruhame. Kwigana ijwi ry'abandi. Kuyega hubahirizwa injyana. Kugorora no kunoza ijwi n'umubyimba.	Gukunda igihugu. Kwigirira icyizere. Kugira imigenzo mbonezabupfura. Kubaha (abantu, Imana, ibidukikije, umuco,...) Gusigasira umuco nyarwanda. Kubaha umuco w'ahandi.	Indirimbo z'imico itandukanye y'u Rwanda zishimangira imibereho n'imibanire myiza y'abantu zivuga ku kurwanya ibiyobyabwenge, uburara n'ubwomanzi, ihohoterwa ry'uburenganzira bw'umwana.	Kuririmba akaririmbo umwana azi. Gusobanura amagambo ari mo. Kwiga akaririmbo gashya. Gusubiramo akaririmbo umwe, umwe hanyuma mu matsinda. Kwiga injyana n'umudiho cyangwa umushayayo by'indirimbo. Kujyanisha indirimbo n'umudiho cyangwa.
Ihuriro n'andi masomo: Gusobanukirwa n'ibidukikije mu isomo ry'Ubumenyi n'ikoranabuhanga riciriritse, no mu isomo mbonezamubano n'Iyobokamana, kwiyoungura amagambo mashya mu isomo ry'Ikinyarwanda, kumenya gukurikiranya imibare y'ibanze mu isomo ry'Imibare, kwitoza kugira isuku no kugorora ingingo mu isomo ry'igororangingo na siporo.				
Ibipimo mu isuzuma: Kureba ko umwana aririmba adasobanya indirimbo n'injyana				
Imfashanyigisho: Ibitabo by'indirimbo, indirimbo zigaragaza amashusho, indirimbo zumvikana ku majwi, iradiyo.				

IMBUMBANYIGISHO: KUNOZA MUZIKA		INYIGISHO: GUCURANGA IBIKORESHO BYA MUZIKA		
Umwaka wa gatatu: Muzika		Umutwe wa 2: Guherekeresha indirimbo nyarwanda ingoma n'ibinyuguri		Umubare w'amasomo: 12
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gushobora guherekeresha indirimbo ingoma n'ibinyuguri				
Intego				
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya n'indangagaciro	Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Guhuza indirimbo, ingoma n'ibinyuguri.	Kuririmba no kubyina mu ruhame. Kwigana ijwi ry'abandi. Kugorora no kunoza ijwi n'umubyimba. Guhuza injyana y'indirimbo ingoma n'ibinyuguri.	Gukunda igihugu. Gufatanyaga n'abandi. Kwigirira icyizere. Kugira imigenzo mbonezabupfura. Kubaha (abantu, Imana, ibidukikije, umuco,...) Kwimakaza umuco w'amahoro n'ubworoherane.	Indirimbo zinyuranye zivugaga ku bintu bitandukanye: Imana, izishimangira imibereho n'imibanire myiza y'abantu, izamagana ibiyobyabwenge, uburara n'ubwomanzu ihohoterwa ry'uburenganzira bw'umwana.	Kuririmba akaririmbo umwana azi. Gusobanura amagambo ari mo. Gusubiramo akaririmbo umwe, umwe hanyuma mu matsinda. Kujyanisha indirimbo n'ingoma. Kujyanisha indirimbo n'ibinyuguri. Kunoza injyana y'indirimbo n'ingoma n'ibinyuguri.
Ihuriro n'andi masomo: Gusobanukirwa n'ibidukikije mu isomo ry'Ubumenyi n'ikoranabuhanga riciriritse, no mu isomo mbonezamubano n'iyobokamana, kwiyungura amagambo mashya mu isomo ry'Ikinyarwanda, kumenya gukurikiranya imibare y'ibanze mu isomo ry'Imibare, kwitoza kugira isuku no kugorora ingingo mu isomo ry'igororangingo na siporo.				
Ibipimo mu isuzuma: Kureba ko umwana ahuza neza indirimbo, ingoma n'ibinyuguri				
Imfashanyigisho: ibitabo by'indirimbo, ingoma, ibinyuguri				

IMBUMBANYIGISHO: KUNOZA MUZIKA		INYIGISHO: KURIRIMBA		
Umwaka wa gatatu: Muzika		Umutwe wa 3: Kuririmba indirimbo zifite ibitero n'inyikirizo		Umubare w'amasomo: 12
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Kuririmba indirimbo zifite ibitero n'inyikirizo				
Intego				
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya n'indangagaciro	Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Kungikanya ibitero n'inyikirizo mu ndirimbo	Kuririmba yungikanya. Kwigana ijwi ry'abandi. Kubahiriza injyana z'indirimbo.	Gufatanya n'abandi. Kwigirira icyizere. Kugira gahunda mu byo akora. Kubaha Imana, abantu n'umuco. Gukunda muzika.	Indirimbo z'amadini n'amatorero, iz'abahanzi batandukanye.	Kuririmba indirimbo umwana azi. Gusobanura amagambo ari mo. Kwiga indirimbo nshya bahereye ku nyikirizo. Gusubiramo indirimbo umwe, umwe hanyuma mu matsinda. Kwiga igitero cy'indirimbo. Guhuza igitero/ibitero n'inyikirizo.
<i>Ihuriro n'andi masomo: gusobanukirwa n'ibidukikije mu isomo ry'Ubumenyi n'ikoranabuhanga riciriritse, no mu isomo mbonezamubano n'Iyobokamana, kwiyoungura amagambo mashya mu isomo ry'Ikinyarwanda, kumenya gukurikiranya imibare y'ibanze mu isomo ry'Imibare, kwitoza kugira isuku no kugorora ingingo mu isomo ry'igororangingo na siporo.</i>				
<i>Ibipimo mu isuzuma: Kureba niba umwana yungikanya neza ibitero n'inyikirizo mu ndirimbo yize</i>				
<i>Imfashanyigisho: ibitabo by'indirimbo, ingoma, indirimbo zigaragaza amashusho, indirimbo zumvikana ku majwi.</i>				

6. IBITABO BYIFASHISHIJE

1. REB. (2012). *Integanyanyigisho ya Muzika igenewe icyiciro cya mbere cy'amashuri abanza*. REB/CPMD. Kigali.
2. UNEB. (2008). *Uganda Advance Certificate of education: Regulations and Syllabuses 2009-2013*. Kampala: Uganda National Examinations Board.
3. Brunswick, N. (2004). *Music Education Curriculum K-5*. Department of Education. Educational Programs & Services Branch.
4. Education Services Australia (1999). *Music, Arts Education Curriculum*. Published by Australian Curriculum, Assessment and Reporting authority (ACARA).
5. REB. (2004). *Upper Primary Music Curriculum*. Kigali: Rwanda Education Board/CPMD. Kigali.
6. Neophytos, I. R. (2003). *The Primary Education Music Curriculum of Cyprus*. Ministry of Education & Culture. Nicosia-Cyprus.

IGICE CYA KABIRI: INTEGANYANYIGISHO Y'UBUGENI MBERAJISHO N'UBUKORIKORI

1. INTANGIRIRO

1.1. Imvano y'ivugurura ry'integanyanyigisho

Ivugururwa ry'integanyanyigisho y'ubugeni mberajisho na mberabyombi mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza ryakozwe mu rwego rwo kunoza imyigishirize y'ibanze yo gusoma, kwandika, no gushushanya. Integanyanyigisho yari isanzweho yibandaga cyane ku bumenyi kandi ntihe uruhare runini umunyeshuri mu myigire ye.

Mu kuvugurura iyi nteganyanyigisho hitawe cyane ku ngorane zagaragajwe n'abarimu ndetse n'ubushakashatsi bwagaragaje ko hari abanyeshuri barangiza ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza batazi uburyo bwo kugaragaza impano mu bijyanye no gukora ibihangano binyuranye by'ubugeni mberajisho na mberabyombi mu bidukikije.

Ni yo mpamvu muri iri vugurura hitawe cyane ku gufasha umunyeshuri mu byo akeneye bituma mu mikurire ye arushaho kunguka byinshi mu bushobozi. Ikindi kandi n'uko byabaye ngombwa gusohoka mu bumenyi rusange hagamijwe guteza imbere ubushobozi ari bwo ubumenyi, ubumenyingiro ubukeshya n'indangagaciro bifata umwanya w'imbere ugereranyije no gusobanukirwa no kumenya. Umunyeshuri azashobora ku rwego rwe guhanga, kugaragaza, gutanga ibitekerezo no mu kubaka ubumenyingiro n'ubukeshya bituma uwiga ashobora kugira icyo yigezaho kandi agashobora no kubana neza n'abandi.

1.2. Impamvu zo kwigisha no kwiga ubugeni n'ubuhanzi

1.2.1. Inyigisho y'Ubugeni n'Umuryango Nyarwanda

Kuva kera na kare, mu mibereho ya muntu, ubugeni n'ubukorikori bwabonekaga nk'inkingi y'iterambere mu bwenge bishingiye ku bumenyi n'ubushobozi mu gukoresha impano yo guhanga. Ubugeni n'ubuhanzi kandi byafatwaga nk'umwitozo wo kuruhura umutwe bigatanga umutuzo utuma hakorwa ubushakashatsi kandi bukaba bunafasha mu kurwanya ihahamuka n'imatekerereze mibi, by'umwihariko hakoreshejwe muzika, amabara n'amarangi.

Umwana wese avuka yifitemo impano yo gukunda ubwiza, guhanga no kwigana. Mu bugeni muri rusange birazwi ko nta gihangano kiba kibi cyangwa ngo kibe cyiza ku buryo bureshya kuri bose nk'uko n'umunyabugeni ahora akeneye kwiyungura no kunoza imikorere. Ubugeni n'Ubukorikori ni inkingi y'ibindi bikorwa byose kuko bugize intango y'ubuvanganzo ubwo ari bwo bwose. Hashingiwe kuri ibyo byose byemeza ko umwana wese agomba kwiga Ubugeni n'Ubukorikori. Ibyo kandi bikaboneka no mu mikoreshereze yifuzwa mu gihe kizaza igihe azaba ashobora kwifasha ashingiye ku bushobozi bwe (ubumenyi ngiro) no guhuriza hamwe ingufu mu kwihangira imirimo.

Ubugeni n'ubukorikori bufasha mu guhanga udushya no kwigana, bikumvikanisha andi masomo. Ibyo bizateza imbere gukunda ubwiza bw'ibiremwa, umuco n'imigenzo mwiza gakondo aribyo bituma buri munyeshuri ziyumvamo uruhare rwo gukunda igihugu n'abagituye. no gutuma ahora ashaka kurushaho gukora ibyiza bikenewe mu buzima kandi agahorana inyota yo gutera imbere mu mibereho ye

1.2.2. Akamaro k'Ubugeni ku munyeshuri

Amasomo y'Ubugeni n'Ubukorikori birazwi ko agira uruhare mu kugorora ingingo z'umunyeshuri bigatuma umubiri we umera neza kandi ukagira gahunda utegetswe gukora. Bigira uruhare mu mikurire y'umunyeshuri ku ngingo zose, gukorakora, kumva, kureba yitegerezanya ubushishozi bikanatuma bikora neza mu byo byaremewe.

Iyi nteganyanyigisho igenewe ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza igamije gufasha umunyeshuri gusobanukirwa n'amashusho y'inkuru zishushanyije bikoreshwa mu zindi nyigisho nk'Ubumenyi, Imibare, Ikoranabunga, Ubutabire, Ubumenyi bw'isi no mu bindi.

Binyujijwe mu Ubugeni, umunyeshuri azatera imbere mu gukunda ubwiza bw'ibiremwa kandi ateze imbere impano ye mu guhanga no gukemura ibikenewe n'abandi yifashishije ibikoresho bitandukanye n'ibintu binyuranye bituruka mu bidukikije no mu bindi bintu.

1.2.3. Ubushobozi

Ubushobozi ni ububasha bwo gukora umurimo uyu n'uyu wihariye uko bikwiye hashingiwe ku bumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya bijyanye n'ibyo wize. Poritiki z'igihugu zishingiye ku byo igihugu gikeneye zerekana ubushobozi bw'ibanze n'ubushobozi nsanganyamasomo bishingirwaho mu kubaka imitekerereze yimbitse. Muri iyi nteganyanyigisho ubushobozi bw'ibanze bugaragarira mu bushobozi bugamijwe muri buri mutwe, muri buri mwaka ndetse no mu kiciro. Ibikorwa by'umunyeshuri bigomba gushingira ku byo ashobora gukora kugira ngo hatezwe imbere ubushobozi bugamijwe mu gihe yiga cyangwa arangije umutwe w'amasomo runaka.

❖ Ubushobozi nsanganyamasomo

Ubushobozi nsanganyamasomo ni ubushobozi butihariye n'inyigisho imwe ahubwo butezwa imbere mu masomo anyuranye, mu bihe bitandukanye ndetse no mu kazi kanyuranye. Ubushobozi bw'ingenzi mu myigire n'inyigishirize abarimu bagomba kwitaho busobanuye ku buryo bukurikira:

- **Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** ubu bushobozi buzafasha umunyeshuri gutekereza ahanga no gushyira mu gaciro ku buryo bwaguye bituma abonera ibisubizo ibibazo ahura na byo mu buzima bwa buri muni.
- **Guhanga udushya:** kunguka ubu bushobozi bizafasha umunyeshuri gufata iya mbere agatekereza ahereye ku byo azi, maze agahanga ibintu bishya.
- **Ubushakashatsi:** ubu bushobozi buzafasha umunyeshuri gukemura ibibazo ahereye ku makuru no ku bumenyi busanzweho no gusobanura ibintu ahereye ku makuru yakusanyije.
- **Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu gihugu:** ubu bushobozi buzafasha abanyeshuri gusabana n'abandi nta mususu no gutanga ibitekerezo byabo ku buryo buboneye mu mvugo no mu nyandiko bakoresha imvugo n'amagambo bikwiye. Kubera iyo mpamvu, abarimu bose nubwo baba batigisha indimi basabwa kugenzura ko abanyeshuri bakoresha uko bikwiye ururimi rwigishwamo.
- **Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni:** ubu bushobozi buzafasha abanyeshuri gukorana n'abandi mu matsinda, mu kazi ako ari ko kose bahawe barangwa n'imyitwarire n'indangagaciro

bikwiye, bubaha uburenganzira, ibitekerezo n'imyitwarire binyuranye n'ibyabo. Ibi bizafasha kandi abanyeshuri gukora ibikorwa bijyanye no kubungabunga ibidukikije, gukora ubuvugizi ku byerekeye ubuzima bwabo n'ubw'umuryango bita ku isuku n'imirire iboneye kandi na none bakemura ibibazo bahura na byo mu buzima.

- **Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:** kunguka ubu bushobozi bizafasha abanyeshuri kujyana n'igihe biyungura ubumenyi n'ubumenyi ngiro batarinze gufashwa muri byose. Ibi bizabafasha kandi kujyana n'iterambere bibanda ku bumenyi n'ubumenyi ngiro bikenewe.

❖ **Ubushobozi rusange bugamijwe mu nyigisho y'Ubugeni n'ubukorikori**

Umunyeshuri urangije ikicro cya mbere cy'amashuri abanza azaba agaragaza ubushobozi bukurikira:

- Gushushanya ibimukikije yifashishije ibikoresho by'ibanze n'intego z'ibanze
- Gutandukanya no gukoresha amabara y'ibanze na y'akomokaho
- Gutaka yifashishije intego z'ibanze
- Kugaragaza ibitekerezo bye ku bishushanyo n'ibindi bikorwa yikoreye cyangwa byakozwe n'abandi

❖ **Inyigisho y'Ubugeni no kwimakaza ubushobozi bugamijwe**

Poritiki y'igihugu y'Uburezi bw'u Rwanda ni ukurere umwana ufite uburere buboneye kandi urangwa n'indangagaciro z'ubumuntu n'iz;umuco nyarwanda. Imyigishirize y'Ubugeni mu kicro cya mbere cy'amashuri abanza ni ugutoza umwana w'Umunyarwanda umuco wo kugaragaza impano ye akiri muto. Usibye ubushobozi bwo gushushanya, umunyeshuri ahabwa ubushobozi n'ubumenyi ngiro rusange bimufasha kwibeshaho no kubana neza n'abandi.

Muri iyi nteganyanyigisho nshya twitaye kandi ku bumenyi ngiro ku buryo bw'umwihariko kugira ngo dufashe abana b'u Rwanda mu buzima bwabo bwa buri munsu kandi tubashishikarize kwita ku bibazo bibangamiye isi muri rusange n'igihugu cyacu ku buryo bw'umwihariko. Ingingo zitaweho cyane cyane ni umuco n'indangagaciro nyarwanda, ibidukikije, uburinganire, uburenganzira bw'umwana n'ubw'ikiremwa muntu, gukunda igihugu, kwimakaza umuco w'amahoro ndetse no kwihesha agaciro.

Mu kwigisha Ubugeni Mberajisho n'ubukorikori bugizwe n'imitwe ikurikira mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza:

- Gushushanya no gusiga amabara,
- Gutera amashusho ku bintu,
- Gukora amashusho mu mubyimba ufatika no kubumba,
- Kububoha
- Gukora ibikinisho n'iremekanya,
- Gufuma no gutaka imyenda.

Umunyeshuri urangije ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza agomba kuba ashoboye gukoresha ibikoresho byifashishwa mu gutunganya imirimo y'ubugeni n'ubukorikori bikomoka ku bidukikije.

2. IMBONEZAMASOMO MU KWIGISHA UBUGENI N'UBUKORIKORI

Abanyeshuri biga neza iyo bagira uruhare mu myigire yabo kandi badafata mu mutwe gusa ahubwo bagira ibikorwa bakora. Nubwo gukorera mu matsinda bifite akamaro ni ngombwa no kwita kuri buri munyeshuri kugira ngo umwarimu akosore igihangano ukurikije urugero rw'umwana. Imyigishirize y'Ubugeni n'Ubukorikori mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza igomba guhera ku mfashanyigisho zifatika, zifite aho zihuriye n'umuco, amateka, ibidukikije n'imibereho y'Abanyarwanda kandi zijyanye n'ikigero cy'abanyeshuri. Iryo yigisha rizaha umunyeshuri uruhare runini rwo kwitoza kwitegereza, guhanga, kumva, kugaragaza ibitekerezo bye, gushushanya, kwandika, gutekereza, gushyira mu gaciro no kwerekana imbamutima ze ashize amanga.

Iyo umunyeshuri akora bituma arushaho kugira ubushake n'ubushobozi mu mirimo y'ubugeni abinyujije mu kumenya gukora amashusho akoresheje kwitegereza, guhanga, gusesengura ibintu, gutekereza no kwibuka ibyo yabonye

Iyi nteganyanyigisho igamije kubaka ubushobozi bw' umunyeshuri no gusigasira ibyo yunguka bitandukanye. Ariko nk'uko ikigambiriwe ari ubumenyingiro, ubugeni n'ubukorikori ntawashidikanya ko bifite uruhare rukomeye mu kubaka ubushobozi bityo abarimu basabwa gutegura neza inyigisho zituma abanyeshuri bagaragaza ubushobozi mu byo bakora.

2.1. Uruhare rw'umunyeshuri

Ibikorwa by'umunyeshuri bijyanye n'intego ibyigwa biba bigamije kandi abanyeshuri bagomba kubigiramo uruhare. Inyigisho y'Ubugeni n'ubukorikori igomba gushingira ku munyeshuri. Ni yo mpamvu agomba guhabwa uruhare runini mu kwitegereza, guhanga, kumva, gusesengura, gushushanya, kwandika anoza, gutekereza,

Ku buryo bw'umwihariko iyi nteganyanyigisho y'ubugeni yerekana ko buri nyigisho ijyana n'ibyigwa mu isomo kandi ikerekana uruhare rw'umunyeshuri mu gihe cy'isomo. Umunyeshuri abona ubufasha bukwiye bw'umwarimu kandi akabona ibyo umwarimu yakurikije.

Isomo rikozwe ku buryo abanyeshuri bashobora gukorera mu matsinda, ari babiri cyangwa barenze, ibi bizafasha umunyeshuri ku giti cye kongera ubushobozi binyuze mu kugira amatsiko, mu kuvumbura, kwigana no gushishoza. Umunyeshuri agamba kugira uruhare mu bikorwa by'imyigishirize bizamworohereza gutera imbere mu gusobanukirwa, akagira ubushishozi n'indangagaciro zituma haboneka ubushobozi buganisha ku mpinduka n'iterambere mu myigire.

2.2. Uruhare rwa mwarimu

Umwarimu afite uruhare rwo kuyobora umunyeshuri amufasha kuvumbura, amukosora, amwerekera kugira ngo amugeze ku ntego z'isomo. Ni ngombwa ko umwarimu amenya ibibazo abanyeshuri bafite kugira ngo mu gutegura isomo ateganye uburyo n'inzira aza gukoresha bitagira uwo biheza. Umwarimu akena imfashanyigisho, agategura aho abanyeshuri bigira bitewe n'isomo ashaka kwigisha. Hari isomo ryatangwa neza ari uko ribereye hanze cyangwa se mu ishuri, rikorewe mu matsinda cyangwa abanyeshuri bari hamwe bose, byose biterwa n'imiterere y'isomo ndetse n'aho bigira.

Mu ivugurura ry'iyi nteganyanyigisho hitawe cyane ku gukundisha umunyeshuri Ubugeni mberajisho n'Ubukorikori, ahabwa uruhare runini mu myigire ye. Umwarimu agomba gutoza abanyeshuri kugaragaza ibitekerezo byabo mu mashusho. Ntabwo rero umwarimu ashinzwe guhata abanyeshuri ubumenyi gusa ahubwo agomba kubatoza umuco wa kimuntu, akabakosora, akabahwitura, akabasobanurira, akaberekera, akabatoza umuco nyarwanda, akabaha ubumenyi ngiro buzabafasha mu buzima busanzwe, akabagira inama ku buryo abanyeshuri babona ko bitaweho kandi ko umwarimu ahora abafasha gutsinda ingorane.

Abanyeshuri bagomba gutozwa umuco wo guhanga kwitegereza bakiri bato, bakora imyitoto yo gushushanya ibyo babona cyangwa bihimbiye binyuranye kandi banahimba inkuru bigana ingero bahabwa n’umwarimu.

Umwarimu agomba guharanira kunoza umushyikirano hagati ye nk’umurezi n’abanyeshuri, agahora abashishikariza kumenya no kunguka ubushobozi mu byo yiga, agaragaza neza intego z’isomo n’ akamaro k’ibyo bakora mu buzima bwa buri muni.

2.3. Uburezi bw’abafite ibyo bagenerwa byihariye n’imyigishirize idaheza

Abanyarwanda bose bafite uburenganzira bungana ku burezi. Ni muri urwo rwego ishyirwamubikorwa ry’iyi ntegenyanyigisho rigomba kuzita ku burezi budaheza bita ku bana bafite ubumuga bwihariye .Ikibazo kigaragara ni uko mu banyeshuri habamo abafite imibereho itandukanye n’iy’abandi bitewe n’ibibazo by’imikorere y’ingingo z’umubiri, iby’imikorere y’ubwonko cyangwa iby’ukuntu bagaragaza imbamutima zabo. Abo bose bagomba kwitabwaho by’umwihariko mu myigire yabo.

Uruhare rw’ishuri n’urw’umwarimu ni urwo gushaka uburyo bukwiye bwo gufasha abo bana hitabwa ku bibazo bafite kugira ngo na bo bakurikire amasomo nk’abandi nta mbogamizi . Bityo bagashakirwa ibikoresho n’imfashanyigisho byabo byihariye . Ikindi ni uko mu gihe cy’isuzuma nabwo hagomba kwitabwa ku bibazo byihariye by’abo bana.

Inyoborabarezi ireba buri kiciro cy’abafite ubumuga zarateganyijwe mu rwego rwo gufasha abarimu kunoza imyigishirize.

3. ISUZUMA

Isuzuma ni igenzura ry'imyigire n'imyigishirize hakusanywa amakuru ajyanye n'uburyo buri munyeshuri yiga ndetse no gufata umwanzuro ku byo umunyeshuri yagezeho hashingiwe ku bipimo byagenwe mbere yo gukora isuzuma.. Isuzuma rero ni igice k'ikigenzi mu myigire n'imyigishirize. Muri iyi nteganyanyigisho nshya ishingiyeye ku bushobozi, isuzuma na ryo rigomba gushingira ku bushobozi, aho umunyeshuri ahabwa umwitozo ujyanye n'ubuzima bwa buri muni akabazwa gukemura ikibazo runaka ashira mu bikorwa ibyo yize.

Isuzuma riteganyijwe ku buryo bukurikira: hari isuzuma rikorerwa ku rwego rw'ishuri, hari isuzuma rikorwa ku rwego rw'Akarere, n'isuzuma ryo kureba ibyagezweho mu myigire mu mashuri yo mu Rwanda (LARS) riteganyijwe mu mwaka wa kabiri cyangwa wa gatatu w'amashuri abanza.

3.1. Ubwoko bw'isuzuma

3.1.1 Isuzuma ryo kugorora imyigire n'imyigishirize

Mu isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize hakoreshwa uburyo buziguye n'ubutaziguye busanzwe bukoreshwa n'amashuri mu gusuzuma ko abanyeshuri biga uko bikwiye. Mu gihe umwarimu ategura isomo rye, agomba kugena ingingo ngenderwaho mu gusuzuma urwego rw'ubushobozi (ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya) abanyeshuri bategerejwe kugeraho. Mu gusoza umutwe, umwarimu asuzuma niba abanyeshuri bose bashoboye kugera uko bikwiye ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe ahereye ku bigenderwaho mu isuzuma byateganyijwe mu ntangiro y'umutwe. Umwarimu azasuzuma uko abanyeshuri bagaragaza ubushobozi bukibiye mu ibyigwa ndetse n'ubushobozi nsanganyamasomo. Ibi bizafasha umwarimu kubona ishusho rusange y'iterambere mu myigire y'abanyeshuri. Mu isuzuma, umwarimu azakoresha bumwe cyangwa impurirane y'uburyo bukurikira:(a) kwitegereza, (b) ibibazo basubiza bandika , (c) ibibazo basubiza bavuga.

3.1.2. Isuzuma rikomatanya

Igihe isuzuma rikozwe rigamije gusoza igihembwe, umwaka cyangwa ikiciro no gufata ikemezo cyo gukomeza, ryitwa isuzuma rikomatanya. Isuzuma rikomatanya rigamije kureba intera umunyeshuri agezeho rigaragaza ishusho y'ubushobozi umunyeshuri amaze kugeraho mu gihe runaka kihariye. Intego y'ibanze y'isuzuma rikomatanya ni ugusuzuma niba ubushobozi bugamijwe bwaragezweho. Ibivuye mu isuzuma rikomatanya bishingirwaho mu gufata ikemezo cyo gukomeza ku ntera yisumbuye mu myigire y'umunyeshuri nko kwimurirwa mu kiciro gikurikira cyangwa guhabwa impamyabushobozi. Iri suzuma rigomba gukomatanya ibyo umunyeshuri yize, hakarebwa niba agaragaza ubushobozi bugamijwe bwari buteganyijwe.

Iri suzuma rishobora gukorerwa ku rwego rw'ikigo k'ishuri, akarere cyangwa ku rwego rw'igihugu. Ku rwego rw'ishuri iri suzuma rikorwa rimwe mu gihembwe ndetse n'iyi umwaka urangiye. Uturetse tuzahabwa ubushobozi bwo gukomeza gufata iya mbere mu gukoresha isuzuma rikomatanya mu mashuri yose mu gukurikirana imyigire ndetse n'intera abanyeshuri bagezeho mu mashuri yabo.

3.2. Kubika inyandiko igaragaza umusaruro w'isuzuma

Kubika inyandiko igaragaza ibyavuye mu isuzuma ni ugukusanya ibigaragaraza ko isuzuma ryakozwe no kubiha agaciro hagendewe ku bipimo byagenwe mbere. Uburyo ubwo ari bwo bwose bwaba bwakoreshejwe mu isuzuma bugomba gutanga amakuru abarwa mu manota yandikwa cyangwa hakoreshejwe ibindi bipimo, bikabikwa neza ku buryo hagaragazwa intambwe igenda iterwa mu myigire. Ibi bigira uruhare mu gutegura ibikorwa cyangwa ingamba zihariye bituma inyigisho zumvikana kurushaho. Ibyavuye mu isuzuma kandi bishingirwaho n'umwarimu mu gihe atanga inama ku banyeshuri n'ababyeyi.

Ubu buryo bujyanye no kubika mu idosiye imwe (mu nyandiko cyangwa ku buryo bw'ikoranabuhanga) amasuzuma yose y'umunyeshuri ndetse n'ibyayavuyemo ugaragaza aho umunyeshuri afite intege nke cyangwa adafite ibibazo mu myigire ye. Kubika mu idosiye imwe inyandiko igaragaza amasuzuma umunyeshuri yakoze, ntabwo ari ukubika gusa impapuro z'amasuzuma

yakozwe (impapuro n'imikoro), ahubwo ni no kubika inyandiko z'imyitoto yose umunyeshuri akora ijyanye n'imyigire ye. Ibyavuye mu isuzuma ni byo bizagaragaza ko umunyeshuri yakurikiye neza mu ishuri mbere y'uko akora isuzuma risoza.

3.3. Gutegura ibibazo by'isuzuma rikomatanya

Mbere yo kwandika ibibazo by'isuzuma, ni ngombwa gukora imbonerahamwe y'ibigomba kubazwaho herekanwa imitwe cyangwa inyigisho byibandwaho mu isuzuma, umubare w'ibibazo hashingiwe kuri buri rwego mu nzego z'intego z'imyigire n'imyigishirize zagenwe na Bulumu (Bloom) n'amanota agenewe buri kibazo. Mu nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi, ibibazo biri ku ngazi zo hejuru ku rwego rw'intego rwa Bulumu (Bloom) zigomba guhabwa umwanya ugaragara kurusha ibibazo bishingiyeye ku ngazi zo hasi zijyanye n'ubumenyi no kumva.

Mbere yo kwandika ibibazo, ubyandika agomba kureba neza ko ibibazo by'isuzuma cyangwa by'ikizamini bijyanye n'isuzuma rishingiyeye ku bushobozi akurikiza ibi bikurikira:

- Kugena inyigisho yibandaho ahereye ku byo integanyanyigisho iteganya.
- Gukora inshamake y'ibyigwa bishingirwaho mu isuzuma.
- Kugena intego zigamijwe zigomba gusuzumwa.
- Gukora imbonerahamwe igaragaza ibigenderwaho by'ingezi mu isuzuma.
- Kugenzura ko inshinga zakoreshejwe mu kwandika ibibazo zidasaba gusubiza ibibazo basubiramo ijamba ku ijamba ibyo bize gusa, ko ahubwo n'ubushobozi rusange buri mu nteganyanyigisho bwazuzumwe.

Imiterere y'ibigomba gusuzumwa mu nyigisho y'Ubugeni n'ubukorikori

Isuzuma ry'inyigisho y'Ubugeni rigizwe n'ibice bine by'ingenzi:

- Kumva no gusesengura igishushanyo.
- amabara

- Ubumenyi rusange bw'ubugeni.
- Ihimbaryumwimerere.

Mu bugeni mberajisho n'ubugeni mberabyombi imyinshi mu myitozo y'isuzuma igomba gufasha abanyeshuri gukoresha impano bifitemo n'uburyo bw'ibanze bungutse. Imyitozo yo gushushanya iyo ari yo yose igomba kwitabwaho kimwe n'iyo gutinyura abanyeshuri, bityo bigahura n'ihame ko bagomba kwiga ariko na none bakiyigisha. Mu myigishirize yo gushushanya, imyitozo y'isuzuma izaba ishingiyeye ku gushushanya no kwandika.

Buri ntego igomba kugira isuzuma, mu ntera zose zituma igerwaho. Isuzuma rero rihoraho mu nyigisho(imikoro, amarushanwa, isiganuza, ibizami....).

3.4. Gukorera ababyeyi raporo y'isuzuma

Mu nteganyayigisho nshya twasanze ari ngombwa gutekereza ku buryo ababyeyi bahabwa raporo y'intambwe abanyeshuri bagenda batera.. Ntabwo amanota yonyine ahagije mu kwerekana ko abanyeshuri bageze ku bigamijwe mu ntego z'amasomo. icyafasha cyane ni ukwerekana aho abanyeshuri badafite ibibazo n'aho bafite intege nke hakenewe gushyirwamo imbaraga. Uburyo bworoshye bukoresha urwego rugaragaza ko bageze ku bushobozi bategerejweho uko bikwiye, bageze ku bushobozi bategerejweho, ntibageze ku bushobozi bategerejweho ku byerekeye ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha mu nyigisho y'Ubugeni n'Ubuhanzi bizatanga amakuru asobanutse kurusha gutanga gusa amanota.

4. IBIZAKENERWA MU ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO

4.1 Imfashanyigisho

Kugira ngo iyi nteganyanyigisho ishyirwe mu bikorwa ni ngombwa ko ibikoresho bihagije hamwe n'izindi mfashanyigisho bigezwa mu mashuri.. Mu myigishirize mishya y'Ubugeni mberajisho byaba byiza hateganyijwe icyumba cyagenewe abanyeshyuri bakoreramo ubugeni (Artroom).

4.2. Abarimu

Hagomba abarimu bashoboye kwigisha isomo ry'ubugeni no guhugura abasigaye kugira ngo bibafashe mu myigishirize mishya y'ubugeni. Ni ngombwa kwita ku bwuzuzanye bw'ubugeni n'izindi nyigisho.

Umwarimu akwiriye kumenya ibibazo n'ingorane abanyeshuri bafite kugira ngo ashobore gutanga neza isomo rye. Agomba kwita ku banyeshuri batabona neza abicaza ahababoneye kandi akandika akashyira hafi yigishushanwa. Abafite ubumuga bwo kutumva na bo umwarimu abitaho akoresha imvugo y'amarenga kugira ngo babashe gusobanukirwa neza. Hari ikindi gice cy'abanyeshuri badafata vuba na cyo umwarimu agomba kwitaho byaba ngombwa akabagera umwanya wihariye kugira ngo bashobore kujyana n'abandi.

5. AMASOMO Y'INTEGANYANYIGISHO

5.1. Imiterere y'iyi nteganyanyigisho

Mu ntangiriro y'iyi nteganyanyigisho hari iriburiro, intego rusange n'imbonezamasomo by'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza. Integanyanyigisho ya buri mwaka ibanzirizwa n'ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri uwo mwaka, hagakurikiraho imbumbanyigisho zigabanyijwemo inyigisho zinyuranye naho inyigisho ikaba igabanyijwemo imitwe inyuranye. Buri mutwe ugira ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe kugerwaho umutwe wose umaze kwigwa. Kugira ngo ubwo bushobozi bugerweho, hari intego z'ubumenyi, z'ubumenyi ngiro n'iz'ubukeshya bifasha umwarimu mu gutegura no gutanga isomo rye ashingiye ku byigwa binyuranye bigizwe gukora amashusho hifashishije intego z'ibanze n'ibidukikije n'ingingo zikubiye mu nsanganyamatsiko iri mu mutwe. Intego zijyanye n'ubumenyi, umuntu yavuga ko ari zo ziri ku rwego rw'ibanze. Intego zijyanye n'ubumenyi ngiro ndetse n'ubukeshya, umuntu yavuga ko ziri ku rwego rwisumbuye. Uru rwego rw'intego ni rwo rwibanzeho cyane mu ivugurura ry'iyi nteganyanyigisho. Mu mwaka wa mbere abanyeshuri baziga gushushanya ibitayega n'ibidukikije no gusiga amabara, gutera amashusho n'iremekanya, kubumba no gutaka mu rwego ruciriritse bikubiye mu mitwe itandatu muri buri mwaka. Umutwe

ushingiye ku nsanganyamatsiko iherwaho kugira ngo abanyeshuri bashobore kwiga gukora amashusho hifashishije intego z'ibanze. Mu mwaka wa kabiri baziga gusiga amabara. Mu mwaka wa kabiri kandi ni bwo bazatangira kwigishwa gushushanya ibidukikije bifashije intego. Mu mwaka wa gatatu guhera mu gihembwe cya kabiri abanyeshuri bazahabwa umwanya uhagije wo guhanga no gusesengura ibihanganobinyuranye ndetse no kumurika ibyakoze.

Kugira ngo umunyeshuri agire uruhare mu myigire ye, hateganyijwe kandi ibikorwa by'umunyeshuri bimufasha gukora ubushakashatsi, gukorera mu matsinda kandi bigatuma yubaka ubushobozi nsanganyamasomo.

Buri mutwe ugira ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe kugerwaho umutwe wose umaze kwigwa. Kugira ngo ubwo bushobozi bugerweho, hari intego z'ubumenyi, z'ubumenyi ngiro n'iz'ubukeshya bifasha umwarimu mu gutegura no gutanga isomo rye ashingiyeye ku byigwa binyuranye bigizwe no gushushanya no gusiga amabara, gutera amashusho ku bintu, gukora amashusho mu mubyimba ufatika no kubumba, ububoshiye, gukora ibikinisho n'iremekanya, gufuma no gutaka imyenda.

Nyuma ya buri mutwe hari ibigenderwaho mu isuzuma rigamijwe kugenzura ko ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe bwagezweho uko bikwiye. Hateganywa kandi imfashanyigisho umwarimu yakwifashisha kugira ngo abashe gutanga isomo rye ku buryo buboneye.

5.2. Integanyanyigisho y'Ubugeni n'ubukorikori mu mwaka wa mbere

5.2.1. Ubushobozi bugamijwe k'urangije umwaka wa mbere

Umunyeshuri urangije umwaka wa mbere azaba ashobora

- Gutandukanya no gukoresha ibikoresho by'ibanze mu gushushanya no gusiga amarangi
- Kuboha no gutaka udukoresho tworoheje ashingiyeye ku muco nyarwanda yifashisha ibikoresho asanga aho atuye
- Gukora ibikinisho binyuranye akoresha ibintu bitandandukanye biboneka aho atuye
- Kwifashisha intego zinyuranye ahanga amashusho yo gutera aho yeretswe
- Gushushanya no gusiga amabara yifashishije ibikoresho by'ibanze
- Gutanga ibitekerezo ku bishushanyo n'ibindi bintu yikoreye cyangwa byakoze n'abandi

5.2.2. Integanyanyigisho y'ubugeni n'ubukorikori mu mwaka wa mbere

IMBUMBANYIGISHO: UBUGENI MBERAJISHO			INYIGISHO: GUSHUSHANYA NO GUKORESHA AMARANGI	
Umwaka wa1: Ubugeni Mberajisho n'ubukorikori			Umutwe wa1: Gushushanya no gusiga amabara ibitayega n'ibidukikije	Umubare w'amasomo: 14
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Gushushanya intego zoroheje no gukoresha amabara no kuba ashobora gutanga ibitekerezo ku mashusho yishushanyirije cyangwa ayakozwe n'abandi.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kwerekana ibikoresho by'ibanze mu gushushanya no gusiga amabara. - Kugaragaza ibitekerezo bye ku bishushanyo yikoreye cyangwa ibyakozwe n'abandi ashingiye ku intego, amabara, imitako, imiterere n'ingano. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gushushanya ibintu akoresha ibikoresho binyuranye yifashishije amabara ajyanye nabyo. - Gushushanya ibintu abona n'ibyoyitekerereje bifite intego zoroheje mu bidukikije. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gushima ubwiza bw'ibintu mu bimukikije. - Kungurana ibitekerezo no gusaranganya ibikoresho - Gufata neza ibikoresho no kubigirira isuku. - Gukunda no gufata neza ibidukikije 	<ul style="list-style-type: none"> - Uburyo butandukanye ibikoresho by'ibanze bikoreshwa mu gushushanya no gusiga amabara.: Imisharabiko n'intego zoroheje. - Gushushanya no gusiga amabara ibintu bifite intego zoroheje zitandukanye (uruziga, mpandeshatu, mpandenye, urukiramende, ibuye, itafari). - Gushushanya no gusiga amabara amashusho y'ibintu yibuka mu bimukikije (urugero: ibimera, inyamaswa, umuntu). - Gusiga amabara mu gushushanya. - Gushima no gutunganya ubwiza bw'igishushanyo. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza no gusesengura imisharabiko, intego zoroheje n'amabara by'ibintu bitandukanye kimwe n'ibikoresho binyuranye byifashishwa kandi bakoreramatsinda. - Gushushanyiriza hanze yitegereza ibimukikije agahitam icyo akora. - Gushushanya amashusho y'ibintu bifite intego yibuka. - Gukoresha amabara ashushanya (imitako) - Kumurika ibishushanyo no kubitangaho ibitekerezo ashingiye ku intego, imiterere n'ingano y'ibyakozwe.
Ihuriro n'andi masomo: Kugereranya amashusho mu isomo ry' Imibare (ubuso, amashushongero) imboneza mubano, (ibikoresho byo mu rugo).				
Ibipimo by'isuzuma: Umunyeshuri ashobora gushushanya, gusiga amabara no gusesengura iby'ingenzi birebana n'ubugeni (akadomo, umurongo, integon'amabara).				
Imfashanyigisho: Ibikoresho byo gushushanya, byo gusiga amarangi n'ibyogukata.				

IMBUMBANYIGISHO: UBUGENI MBERAJISHO			INYIGISHO: GUTERA AMASHUSHO KU BINTU	
Umwaka wa1: Ubugeni Mberajisho n'ubukorikori		Umutwe wa 2: Amashusho,imitako n'uburyo bikorwa		Umubare w'amasomo:5
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Azaba ashobora gutera amashusho ku bintu yifashishije ibikoresho binyuranye biboneka aho atuye no kubitangaho ibitekerezo..				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kwerekana ibikoresho by'ibanze byifashishwa mu gutera amashusho n'uburyo bikoreshwa. - Gutanga ibitekerezo ku mashusho yikoreye cyangwa akozwe n'abandi ashingiye ku buryo bikoreshwa. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukoresha ibikoresho bitera amashusho - Guhanga no gutondeka amashusho ku buryo bunoze, yifashisha ibikoresho bifite intego zoroheje biboneka aho atuye 	<ul style="list-style-type: none"> - Gushima ubwiza bw'ibintu - Gufata neza ibikoresho no kubigirira isuku. - Gukunda no gufata neza ibidukikije 	<ul style="list-style-type: none"> - Uburyo ibikoresho by'ibanze bikoreshwa mu gutera amashusho mu buryo binyuranye. - Amashusho ku bintu byoroheje, urugero urupapuro. - Amashusho ku gatambaro gato akoresha ibikoresho biboneka aho atuye. - Ugukora amashusho anyuranye yifashishije ibyo yabonye. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza no gusesengura ishusho riterwa akoresheje (ikiganza, ikaroti, ikibabi, igiceri umufuniko) no kuryigana akora wenyine . - Gusohoka akitegereza ibimukikije ahitamo icyo akoresha mu gutera amashusho akorera mu matsinda. - Gutera amashusho anyuranye akurikije ibyo yabonye yibuka. - Kumurika ibishushanyo no kungurana ibitekerezo.
Ihuriro n'andi masomo: Kugereranya amashusho mu isomo ry' imibare, iry'ubumenyi, ikoranabuhanga,.				
Ibipimo by'isuzuma: Umunyeshuri azaba ashobora gutera amashusho ku bintu akoresheje ikiganza, ikaroti, ikibabi, igiceri umufuniko no kubitangaho ibitekerezo.				
Imfashanyigisho: Ibikoresho binyuranye byo gutera amashusho n'ibiyaterwaho n'ibyo akuye hanze y'ishuri				

IMBUMBANYIGISHO: UBUKORIKORI			INYIGISHO: UBUBUMBYI (SCULPTURE AND CERAMICS)	
Umwaka wa1: Ubugeni Mberajisho n'ubukorikori		Umutwe wa3: Kubumba n'uburyo bw'ibanze mu gukora amashusho mu mubyimba ufatika		Umubare wa'amasomo:4
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Azaba ashobora kubumba amashusho cyangwa ibikoresho mu mubyimba ufatika yifashishije ibumba cyangwa igitaka cy'inombe.				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyi ngiro	Ubukeshya		
